IBISUBIZO KU KIZAMINI CY'IKINYARWANDA GISOZA ICYICIRO RUSANGE CY'AMASHURI YISUMBUYE 2014.

IGICE CYA MBERE

A. KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO.

1. Uyu mwandiko ni insigamigani / ibirari by'insigamigani
   Impamvu : - Abavugwamo bazwi mu mateka y'u Rwanda
   - Ibivugwamo birazwi neza
   - Igihe byabereye kirazwi
   - Wakomotseho imvugo igikoreshwa kugeza ubu
   - N'izindi.

2. a) SEMUGAZA yari umutware w'umutwe w'ingabo zitwaga Urukatsa.
   b) Afatanyije n'Urukatsa, yashoboye gutsinda Ibigina bya Ndabarasa.

3. a) SEMUGAZA yacikiye / yatorokeye / yahungiye mu Ndorwa.
   b) NYIRATUNGA yari : - Nyina w'umwami (YUHI IV Gahindiro) ;
   - Umugabekazi y'umwami wa YUHI IV Gahindiro ;
   - umugore wa MIBAMBWE Sentabyo ;
   - Umwamikazi ku ngoma ya MIBAMBWE Sentabyo.

4. – Ni uko yari yaragabiwe akatsi ko hepfo y'inzira no haruguru yayo (icya kabiri cy'inka zo mu Rwanda).

   -Yari yaragabiwe inka nyinshi / ibintu byinshi / amashyo

5. – Ni uko yabonaga atagifite ubutoni i bwami ;
   -Ibwami ntibari bakimureba neza
   - Ibintu byari bimumereye nabi ;
   - Yari amaze gusubira inyuma.

6. – Yazikuye mu makôro yagombaga gutura ibwami ;
   -Yazikuye mu Buyenzi ;

- Yazikuye mu baturage ;
- Yazikuye i Ngarurira.

7. – Umuntu anyway inzoga ayishimiye ariko nyuma ikaba yamukoresha ibyo atateguye ;
-Umuntu anywa inzoga ikamuzanira ingaruka
[– *Ahari ibicuma ntihabura ibicumuro*
– *ushaka urwamo yenga urwagwa* ] Gusobanuza umugani mugufi

8. a) – Shebuja yari yarahatabarijwe ;

-Shebuja yari ahashyinguwe

- Shebuja yari yarahahambwe / ahahambwe

b) – Ni ho batabarizaga abami b'u Rwanda (bamwe muri bo)

- Ni hamwe mu ho batabarizaga abami b'u Rwanda ;

- Hari umusezero wa bamwe mu bami b'u Rwanda.

<u>Indi misezero</u> : - Umusezero wa Bûreenga (Buyoga / Rulindo)

- Umusezero w'i Butangampundu
- Umusezero w'i Mwima
- Umusezero w'i Remera y'Abaforongo
- Umusezero wa Rutare.

9. Abantu bafashe umwanzuro wo kwegura kuri Nzobya kuko babonye ko ibyo akora abikoreshwa n'inzoga.

## B. <u>INYUNGURAMAGAMBO.</u>

10. A) Umuntu ukunzwe cyane : umutobi (w'akadasohoka)
b) Indwara yo kwîishima : ubushita
c) Amuhaye icya kabiri cy'inka z'u Rwanda : amugabiye akatsi hepfo y'inzira no haruguru yayo.
d) Kurara mu gitaramo abantu banywa : kurara inêerâ.
e) Arasinda cyane : - isindwe riramudanangira

- aba Sabizeze
- Anywa Nzobya
- anywa nyinshi
- inzoga iramusaguka

f) Bamuvaho : bamwegukaho / bamushiraho.

g) Amaturo baturaga umwami : amakôro

h) Inzoga yo hasi mu kibindi irimo urubetezi : itende / nzobya

i) Amusimbuye : amuzunguye

j) Gutoroka igihugu : gucika

k) Asigaye wenyine : abantu bamushizeho / bamwegutseho

l) Gusinda ugata ubwenge : kunywa Nzobya / kunywa icyinshi / kuba Sabizeze / gusagwa n'inzoga / kudanangirwa n'isindwe.

11. Gusimbuza amagambo impuzanyito.

a) Inzoga yengeshejwe ubuki bwonyine bayita umutsama, naho ikigage kikitwa inturire. Urwagwa bashyizemo ubuki bakabitarana rwitwa inkangaza.

b) Bukeye Mibambwe afatwa n'ubushita, aratanga, umugogo we bawutabariza iyo ngiyo.

IGICE CYA KABIRI : IKIBONEZAMVUGO.

12. Ubwoko bw'amagambo :

a) Hanyuma : icyungo / umugereka (ingera) w'igihe
Amariye : inshinga itondaguye / isanzwe
Rugaju : izina bwite

b) Abandi : ikinyazina ndafutura / ndasigura
Dute : ingirwanshinga

c) Gupfa : inshinga idatondaguye / iri mu mbundo / imbundo
We : ikinyazina ngenera – ngenga / ikinyazina cy'inyunge (ngenera – ngenga)

13. Intêgo n'amategeko y'igenamajwi.

a) Uwo : u – u – o  u → w /-J

Inzoga : i – n – yoga  y → z /n⁻

b) Inzâra : i – n – ara  ibicumbi bifata Z mu nt. 10

Ibyatsi : i – bi – atsi  i → y /-J

Indi ntêgo : i – bi – ak – yi  i → y /-J ; k +y → ts

Ibyakatsi : i –bi – ak – yi  i → y /-J ; k + y → ts

◀ Imbundo : kwaka.

c) Ateshwa : a – ϕ – ta – ish – w – a  a + i → e

Kwigendera : ku – ϕ – i – gend – ir -- a  u → w /-J

Ku – ϕ – ii – gend – ir – a

Ku – ϕ – ii – gend - ir – a  i → e / Ce-

Ze-

d) Abô : a – ba – ô / a – ba – o  a → ϕ /-J

e) Kunywa : ku – ϕ – nyo – a

ku – nyo – a

icyinshi : i – ki – ic – yi  i → y /-J

ky → cy mu myandikire / mu nyandiko

c + y → sh

f) Amaze : a – ϕ – mar – ye  r + y → z

a – ϕ – mar – ye

a – mar – ye

jye : gi – e  I → y /-J

gy → jy mu myandikire / mu nyandiko

g) Ba : ba – a
Ba – aa   a → $\phi$ /-J
Ba – âa
Wenyine : u – e – nyine   u → w /-J

14. IBICUMBI BY'AMAGAMBO.

a) Gupfa : - pfu –
b) Inyota : - nyota
   - - nyo –
   - - nyot –

Iramurembya : - remb -

c) Ndagiye : - gi –
Mpanwe : - hwan –
   - hwan –
   ◄ n – $\phi$ – hu – an – e   u → w /-J
   n → m/h
   mh → mp mu myandikire / mu nyandiko

15. Inteko na ngenga

a) We : inteko ya mbere (nt. 1)
   Ngenga ya 3, inteko ya 1
b) Ingabo : inteko ya cumi (nt. 10)
c) Ubonye : ng. 2 bu
   Ansige : ng. 3 bu
   Gihugu : nt. 7 / ng. 3, nt. 7
d) Kubi : nt. 15
   Ukurira : nt. 15

16. Ubutinde n'amasaku.

a) I) ibishâshi ≠ ibishashi
   ii) gutûma ≠ gutuuma
   iii) kuroongoora ≠ kuroongora

iv) Gukûba ≠ gukuuba

v) Gufuunguura ≠ gufuungura

b) Hâshize imiînsi aaantu b'âmacutî baaza kumûbwiira kô ibiintu bimumerêye nâabi ibwâami.

Cyangwa : Haâshize imiînsi abaantu b'âmacutî bâaza kumûbwiira kô ibiintu bimumerêye nâabi ibwaâmi.

Cyangwa : Hashize imînsi abantu b'âmacutî bâaza ..........

## IGICE YA GATATU : IMYANDIKIRE Y'URURIMI.

17. Amagambo arimo igihekane "byw" :

- Kuyobywa
- Gukarabywa
- Guhabywa
- Kujujubywa
- Gutubywa
- N'ayandi azwi mu Kinyarwanda

" Vy" : Zahovye

18. Mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda, wemerewe gukurikiranya inyajwi ebyiri zisa :

- Ku marangamutima : yooo !, cyanee !, Eeh !
- Mu ijambo "saa" riterura / riranga igihe nyamasaha
- Mu myandikire ya gîhaânga, hagaragazwa ubutinde : Urugeendo, akabaando, Mugeenzi, .......
- Muu nyîgaana (inyiganamajwi / inyiganarusaku / insubirarusaku) Urugero : Twagiye kumva ngo "pooo !" , "puuu !"

19. Interuro ibaza itangirwa n'inyuguti nkuru, igasozwa n'akabazo.

IGICE CYA KANE : IHANGAMWANDIKO.

20. Insanganyamatsiko : a) Ibyiza n'ibibi by'inzoga mu muryango nyarwanda
b)Ibyiza n'ingorane by'amashuri y'uburezi bw'imyaka cumi n'ibiri.

Ingingo zitabwaho mu ikosora :

I. IMISUSIRE (Amanota 7)

1.1. Isuku n'imigaragarire : 05 + 05 = 1/1

Amakosa y'isuku n'imigaragarire :

- Gusibiranya inshuro ebyiri cyangwa zirenze
- Umwanya w'ibumoso utubahirijwe, kimwe n'uw'iburyo
- Gusiga umwanya wajyamo nibura imigemo ibiri atarasoza igika.
- Gusiga umwanya utangana hagati y'ibika
- Guhagika amagambo mu nteruro
- Kwandika amagambo mu nteruro
- Gusiga umwanya wajyamo imigemo ibiri hagatii mu gika.
- Gutangira ibika ku ntera itangana, uvuye ku murongo (marge) w'ibumoso bw'urupapuro.

1.2. Imbata : $0^5 + 0^5 + 0^5 + 0^5 = 2/2$

- Umutwe (wanditse mu nyuguti nkuru z'icyapa cyangwa nto ziciyeho umurongo cyangwa witaruye intangiriro.
- Intangiriro (yandikwa yitaruye umurongo w'ibumoso kuko ni igika cyihariye)
- Igihimba (gitangira kitaruye umurongo w'ibumoso)
- Umusozo ( ni wo utangira witaruye umurongo w'ibumoso)

Icyitonderwa : Umwanzuro ukubiye mu musozo.

1.3. Uburebure bwasabwe : $0^5 + 0^5 = 1/1$

- Umubare w'imirongo
- Umubare w'amagambo

1.4. Imyandikire : (amanota 2)

- Amakosa y'imyandikire y'ururimi rw'ikinyarwanda :

i)Gukata nabi amagambo (inyajwi itangira ijambo ikatwa nk'umugemo wuzuye)

ii) Imikoreshereze y'inyuguti nkuru

iii) Gukoresha ibimenyetso cyangwa utwatuzo mu buryo budakwiye.

1.5. Inozamvugo : $0^5 + 0^5 = 1/1$

Amakosa y'inozamvugo.

- Kuvanga indimi z'amahanga, iz'uturere, urufefeko n'imvugo nyandagazi ;
- Kuvanga imibare. Imibare yemewe gusa ku byerekeye amatariki n'inomero z'abami.
- Interuro nyobyamvugo ; itisanishije neza
- Kuvangamo impine (cg,kdi,krngo,..)

Impine zemewe : * iz'ibigo bya Leta

- Iz'amasosiyeti yigenga
- Iz'amashyirahamwe n'amakoperative
- SIDA

- Gukoresha ibimenyetso bitemewe : *, Δ, ⇒, →, - ( mu irondora)

1.6. Ingingo : $2 + 2 + 2 + 2 = \frac{1+1+1+1}{1+1+1+1}$ ] 8/8

- Gutanga ingingo = 1
- Kuyisobanura = 1

Insanganyamatsiko ya 1.

Ingingo : 1. Ibyiza by'inzoga :

- Zimara inyota ;
- Zigira umumaro ku mikorere y'umubiri w'umuntu ;
- Zituma umuntu yishima ;
- Zihuza imiryango
- Zikoreshwa mu gusaba umugeni ;
- Zitanga amafaranga ku bacuruza
- N'ibindi byinshi.

2. Ibibi by'inzoga.

- Zangiza ubuzima (zikurura uburwayi)
- Zikoresha umuntu ibyo atatekereje (kurwana, gusambana,..)
- ziteza impanuka ;
- zisahura umutungo w'urugo ;
- n'ibindi byinshi

Insangamatsiko ya 2

Ingingo : 1. Ibyiza.

- Amashuri yegereye abanyeshuri
- Amashuri yakira umubare munini w'abanyeshuri
- Abanyeshuri bigira ubuntu ;
- Nta kigero cy'imyaka bafatiraho
- Ibyiciro byose by'amashuri birahari
- N'ibindi byinshi

2. Ingorane :

1. Abalimu babishoboye ntibahagije
2. umubare munini (ubucucike) w'abanyeshuri ;
3. Nta bikoresho bihagije
4. Abana ntibabona igihe gihagije cyo gusubira mu masomo,
5. Abana ntibamenya utundi turere;
6. Gukora ingendo ndende n'amaguru ;
7. Abana bahura n'ibishuko mu nzira bataha ;
8. Kurya ku manywa biragorana ;
9. N'izindi ngingo.

**- IHEREZO -**